ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

**ITANGAZO:**

**INGOMA Y'AMARASO IREREKEZA HE IGIHUGU CYACU?**

Tariki ya 16 Gicurasi 1998 - tariki ya 16 Gicurasi 2026: imyaka 28 irashize Seth Sendashonga yiciwe i Nairobi, muri Kenya, ku manywa y'ihangu. Hashize kandi imyaka 7 Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame, yigambye ku mugaragaro icyo gikorwa cy'ubwicanyi ubwo yari mu mwiherero w'abayobozi bakuru b'igihugu wabereye i Gabiro muri Gashyantare 2019.

Seth Sendashonga ni umwe mu banyarwanda barwanyije akarengane kuva akiri muto. Yabaye impirimbanyi ya demokarasi, aharanira ubumwe n'ubwiyunge yifuza ko bene Kanyarwanda bose bagira amahirwe angana mu gihugu cyabo. Ubwo yari ministiri w'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya komini hagati ya Nyakanga 1994 na Kanama 1995 yarwanyije ku buryo budasubirwaho ubwicanyi bwakorwaga n'ingabo za FPR zari zirangajwe imbere na jenerali Paul Kagame. Aho niho umugambi wo kumwica waturutse.

Mu rwego rwo kwibuka ayo marorerwa no kuzirikana ibitekerezo by'iyo ntwari, ikigo cyamwitiriwe (Institut Seth Sendashonga pour la citoyenneté démocratique, aribyo mu mvugo ihinnye ISCID asbl) kirageza ku Banyarwanda bose no ku nshuti z'u Rwanda ubutumwa bukurikira:

1) Hashize imyaka 32 ishyaka FPR Inkotanyi rifashe ubutegetsi mu Rwanda. Nta na rimwe ubwo butegetsi bwatanze ihumure. Mu mateka y'u Rwanda ubutegetsi bwa FPR Inkotanyi buzajya bwibukwa nk'ingoma y'amaraso cyangwa ingoma y'agafuni nk'uko bamwe babivuga. Iyicwa ry'umucikacumu wa jenoside yakorewe abatutsi, Aimable Karasira Uzaramba, tariki ya 6 Gicurasi 2026, ku munsi yagombaga kuva muri gereza ya Mageragere aho yaramaze imyaka 5, ni kimwe mu birango by'iyo ngoma y'amaraso. Urwo rupfu ruje rwiyongera ku zindi mpfu nyinshi zateguwe kandi zishyirwa mu bikorwa na buriya butegetsi burangajwe imbere na Paul Kagame. Amazina y'abantu buriya butegetsi bumaze guhitana, buvuga ko bamwe biyahuye, abandi ko polisi yabishe yitabara cyangwa ko baburiwe irengero, amaze kuba menshi

cyane. Bavandimwe, ibi bintu ntabwo ari ibyo kwihanganirwa. Ingoma y'amaraso ya Paul Kagame ikwiye guhagarikwa. Amazi yarenze inkombe!!!

2) Nyuma y'amezi 7 hasinywe amasezerano ya Washington yari agamije kurangiza intambara y'imyaka 30 ubutegetsi bwa FPR Inkotanyi bwashoje kuri Repuburika iharanira demokarasi ya Kongo ibibazo biracyari byose. Leta zunze ubumwe z'Amerika zashyizeho ibihano zigamije kuvana Paul Kagame ku izima ariko kugeza magingo aya yakomeje kunangira. Ingaruka z'ibyo bihano ni inzara n'ubukene birushaho kuzahaza abanyarwanda, ni ibiciro birushaho gutumbagira, imirimo ikarushaho kubura, abanyantege nke bakarushaho kumererwa nabi. Ntidushidikanya ko ibyo Kagame arimo byo kunangira ari ubwiyahuzi buzagira ingaruka mbi ku buzima bw'abaturage. Nyamara, uretse kwirarira no kwicisha abana b'u Rwanda, nta bushobozi afite bwo gukomeza ubusahuzi yishoyemo mu gihe abashyigikiye ubutegetsi bwe aribo ubungubu bamusaba kubihagarika. Perezida Kagame intambara yo muri Kongo yarangije kuyitsindwa. Niyemere mu kimwaro yuko intambara yashoje igahitana miliyoni nyinshi z'abaturage ku mpande zombi, ikayogoza akarere kose, ko iyo ntambara yayitsinzwe.

3) Institut Seth Sendashonga ikomeje guterwa impungenge n'uburyo FPR Inkotanyi idahwema kugoreka amateka y'igihugu cyacu hagamijwe gutesha agaciro ubwoko bw'abahutu. Muri urwo rwego ministiri w'ubumwe, Docteur Jean Damascène Bizimana, mu mbwirwaruhame akorera hirya no hino mu gihugu, ubutumwa adahwema gusubiramo nuko amahano yabaye muri 1994 adafite aho ahuriye n'ihanurwa ry'indege yari itwaye Perezida w'u Rwanda, Yuvenali Habyarimana, n'uw'u Burundi, Sipiriyani Ntaryamira n'abo bari kumwe bose. Ayo mahano ngo ntaho ahuriye n'intambara yayogoje iguhugu cyacu guhera tariki ya mbere Ukuboza 1990 igashyamiranya inyeshyamba zari zigizwe ahanini n'abatutsi ku ruhande rumwe n'ingabo za leta zari zigizwe ahanini n'abahutu ku rundi ruhande. Ministiri Bizimana avuga ko inkomoko ya jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 ari abahutu, abo avuga ni abarwanyije akarengane ubutegetsi bwa cyami bwari bwarimakaje mu gihe kirenga imyaka

400. Tuributsa ko Revolisiyo yabaye muw'1959 yaturutse ahanini ku myitwarire yo kunangira yaranze abari ku butegetsi bw'icyo gihe banze kumva ibitekerezo byasabaga impinduka mu mahoro. Nta munyarwanda ukwiye guterwa ipfunwe nuko hari impirimbanyi zahagurukiye kurandura burundu ubuhake, uburetwa n'ibisigisigi byabyo byatumaga bamwe bahinduka abacakara b'abandi, kandi bikaba uruhererekane. Institut Seth Sendashonga irashimangira ko ntawakubaka ubumwe bw'abanyarwanda yirengagije amateka nyakuri igihugu cyacu cyaciyemo.

4) Institut Seth Sendashonga yongeye gushishikariza abanyarwanda, cyane cyane urubyiruko, kumva ko ibibazo by'ingutu igihugu cyacu gifite bitazikemura. Amahanga, n'ubwo inkunga yayo ikenewe, ntabwo ariyo azadukiza iriya ngoma y'amaraso. Ni inshingano yacu nk'abanyarwanda gukora ibishoboka kugirango tuzarage abazadukomokaho igihugu buri muturage wacyo yumva atekanye, ahabwa amahirwe yo kubyaza ubwenge bwe n'imbaraga ze umusaruro umuteza imbere. Turasaba abanyarwanda aho baherereye hose kwamagana Sekibi urimo kubashyira mu kaga. Nimwitaze iriya ngoma isi yose yamagana mu byemezo binyuranye by'akanama k'umuryango w'abibumbye gashinzwe amahoro ku isi.

5) Institut Seth Sendashonga irasaba ibihugu by'inshuti n'imiryango irengera ikiremwamuntu kuba maso muri iki gihe bigaragara ko igihugu cyacu kiri mu ikorosi rikomeye. Ibimenyetso byinshi byerekana ko ubutegetsi buriho bwiteguye gukoresha imbaraga zose bufite kugirango buburizemo ibitekerezo cyangwa imigambi yaba yerekeza ku mpinduka nziza. Hatabaye gutinya igitutu cy'amahanga n'ibihano bijyana nacyo nta gushidikanya ko benshi mu mfungwa za politiki na bamwe mu banyamakuru bafungiye Mageragere ibyabo byajyaga kuba byararangiye. Kwica Aimbable Karasira Uzaramba ku munsi yagombaga kurangiza igihano cye ni ubutumwa budakwiye kwirengagizwa. Imfungwa za politiki ziri mu menyo ya Rubamba.

Kubera ikoranabuhanga ryateye imbere bavuga ko isi dutuyeho yabaye umudugugu. Ni gute amahano yakomeza gukorerwa mu Rwanda abategetsi n’abandi bose bagombye kubiryozwa bakikomereza imirimo nta nkomyi? Ubutabera mpuzamahanga bavuga bukora iki?

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 16/05/2026

Jean-Claude Kabagema,

Perezida wa ISCID asbl

